1° kwakira abana bavugwa mu ngingo ya mbere mu gihe hagarurirwa ko bahabwa imiryango yabo, ibigo ngororamuco cyangwa ibigo birera abana bavanywe mu muhanda;

1° providing transit accommodation to minors referred to in Article One before deciding whether they should be handed back to their families or to the rehabilitation centre;

1° accueillir les mineurs visés à l'article premier, pendant les délais requis pour examiner les modalités soit de les remettre à leurs familles soit de les transférer dans un centre de rééducation;

2° kwakira abana bavugwa mu ngingo ya mbere batarageze ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko, iyo bagishakirwa ibigo byo kubarera kuko ari imfubyi cyangwa ababyeyi babo bakaba batazwi cyangwa se bakaba bazwi ariko badashoboye kubarera;

2° providing transit accommodation to minors referred to in Article One below fourteen (14) years of age with a view of searching and handing them over to charity organizations if they are orphans or their parents are unknown or are deprived of parental authority by a Court Order;

2° accueillir les mineurs visés à l'article premier de moins de quatorze (14) ans pendant la période de recherche d'institution d'accueil lorsqu'ils sont orphelins ou sont issus de parents inconnus ou de parents déchus de l'autorité parentale;

3° kugorora abana mu gihe batarabona aho berekeza.

3° temporarily rehabilitating minors in transit.

3° rééduquer temporairement les mineurs en transit.

Ingingo ya 13: Igihe ntarengwa abana bamara mu kigo banyuzwamo by'igihe gito bategereje kujyanwa mu kigo ngororamuco

Article 13: Maximum period in a transit center

Article 13: Durée de séjour dans un centre de transit

Nta mwana wemerewe kurenza iminsi mirongo utandatu (60) ikurikirana mu kigo abana

No minor shall spend a period exceeding sixty (60) consecutive days in a transit center.

Aucun mineur n'est autorisé à séjourner plus de soixante (60) jours consécutifs dans un centre de

banyuzwamo by'igihe gito bategereje kujyanwa mu kigo ngororamuco.

Ingingo ya 14: Inyubako zitandukanye ku bana b'abakobwa n'ab'abahungu

Mu gihe bari mu bigo banyuzwamo by'igihe gito bategereje kujyanwa mu kigo ngororamuco, abana b'abakobwa bagomba kugira inyubako zinyuranye n'iz'abana b'abahungu ku buryo batabana mu nyubako imwe.

UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 15: Abakozi bakurikirana abana b'abakobwa

Abakozi bakora mu gice kigenewe abana b'abakobwa mu kigo ngororamuco cyangwa ikinyuzwamo abana by'igihe gito mu gihe bategereje kujyanwa mu kigo ngororamuco bagomba kuba ari ab'igitsina gore.

Ingingo ya 16: Gusubizwa umwana

Ufite ububasha bwa kibyezi ku mwana wajyanywe mu kigo ngororamuco cyangwa ikinyuzwamo abana by'igihe gito mu gihe bategereje kujyanwa mu kigo ngororamuco ashobora gusaba ubuyobozi bw'icyo kigo kumusubizwa iyo bigaragaye ko ari ubwa mbere afatwa kandi uwo mubyeyi akiyemeza ko agiye kurushaho kumurera neza.

Iyo urwego rubifitiye ububasha rwamaze guhamya

Article 14: Accommodation for different sexes

Transit centers shall have separate shelters for girls and for boys in order to avoid promiscuity.

CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 15: Staff to follow up female minors

Staff working in apartments for female minors should be of the same sex, whether in transit centers or in rehabilitation centers.

Article 16: Handing over minors

A minor shall be handed over to his/her parents or guardians upon request and assurance to the rehabilitation centre or transit centre authorities that she/he shall improve parental responsibility provided that such a minor has not been previously held by the same institution.

Once the competent Authority has proved beyond

transit.

Article 14: Logements séparés pour garçons et filles

Les centres de transit doivent avoir en leur sein des quartiers séparés réservés respectivement aux filles et aux garçons pour éviter la promiscuité sexuelle.

CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 15: Personnel d'encadrement des filles mineures

Les membres du personnel affecté dans des quartiers réservés aux filles mineures au sein des centres de rééducation ou de transit doivent être de sexe féminin.

Article 16: Récupération du mineur

Toute personne nantie de l'autorité parentale sur un mineur hébergé dans un centre de rééducation ou dans un centre de transit peut demander à la Direction du centre de récupérer son enfant lorsqu'il s'avère que l'enfant est délinquant primaire et que la personne nantie de l'autorité parentale s'engage à sa meilleure éducation.

Lorsque l'autorité habilitée a rendu

Official Gazette n° 13 Of 29/03/2010

mu buryo ndakuka ko uwo mwana ari inzererezi cyangwa se ko asabiriza ntashobora gusubizwa umuryango we atarangije gahunda z'inyigisho z'ikigo ngororamuco.

any reasonable doubt that the minor is an irreversible vagrant or beggar or misconducting, the minor shall not be returned to his/her parents before completing vocational training of Rehabilitation Center.

irrévocablement la décision que le mineur est vagabond ou mendiant, il ne peut réintégrer sa famille qu'à la fin de son programme d'encadrement au centre de rééducation.

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n' iri teka

Article 17: Repealing provision

Article 17: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 18: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

Article 18: Commencement

Article 18: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 17/03/2010

Kigali, on 17/03/2010

Kigali, le 17/03/2010

(sé)

(sé)

(sé)

Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil
Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu

Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil
Minister of Internal Security

Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil
Ministre de la Sécurité Intérieure

Bibonye kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

(sé)

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA N° 002/2010 YA BANKI
NKURU Y’U RWANDA AGENGA
ABATANGA SERIVISI ZO KWISHYURANA

REGULATION N°002/2010 OF THE
NATIONAL BANK OF RWANDA
GOVERNING PAYMENT SERVICES
PROVIDERS

REGLEMENT N° 002/2010 DE LA BANQUE
NATIONALE DU RWANDA REGISSANT
LES PRESTATAIRES DE SERVICES DE
PAIEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA I: INGINGO RUSANGE

CHAPITRE I: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE I: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe

Article One : Purpose

Article premier : But

Ingingo ya 2:Ibisobanuro

Article 2 : Definitions

Article 2 : Définitions

**UMUTWE WA II: UBURYO BWO
KWEMERERWA GUKORA**

CHAPTER II: LICENSING PROCEDURE

**CHAPITRE II: PROCEDURE
D’OBTENTION DE LICENCE**

Ingingo ya 3- Kwemererwa

Article 3: Licensing

Article 3 : Octroi de licence

Ingingo ya 4: Gusaba kwemererwa gukora

Article 4: Application for a license

Article 4 : Demande d’agrément

Ingingo ya 5: Izindi nyandiko

Article 5: Further documentation

Article 5 : Documents supplémentaires

Ingingo ya 6: Ibisabwa ibigo bigenzurwa na
Banki Nkuru

Article 6: Requirement for Institutions
supervised by the central Bank

Article 6 : Condition requise pour les
établissements financiers supervisés par la
Banque Centrale

Ingingo ya 7: Igishoro gisabwa

Article 7: Capital requirements

Article 7 : capital minimum exigé

Ingingo ya 8: Ibarwa yemeza ko inyandiko
isaba yakiriwe

Article 8: Letter of acknowledgement

Article 8 : Lettre d’accusé de réception

Ingingo ya 9: icyemezo cya Banki Nkuru ku
birebana no kwemererwa gukora

Article 9: Central Bank’s decision on granting a
license

Article 9 : Décision de la Banque Centrale
d’octroi d’une licence

Ingingo ya 10: Amafaranga yishyurwa mbere
yo guhabwa uruhushya

Article 10: License fees

Article 10 : Frais d’agrément

<u>Ingingo ya 11: Amafaranga y’igenzura</u>	<u>Article 11: Supervision fees</u>	<u>Article 11 : Frais de supervision</u>
<u>Ingingo ya 12: Kwambura cyangwa guhagarika by’agateganyo uruhushya</u>	<u>Article 12: Withdraw or suspension of license</u>	<u>Article 12 : Retrait ou suspension de licence</u>
<u>Ingingo ya 13: Guhagarika ibikorwa byo gutanga serivisi zo kwishyura</u>	<u>Article 13: Discontinuing providing payment service</u>	<u>Article 13 : Cessation de fourniture de service de paiement</u>
<u>Ingingo ya 14: icyemezo cya Banki nkuru</u>	<u>Article 14: Action of the central bank</u>	<u>Article 14 : Action de la Banque Nationale</u>
<u>Ingingo ya 15: Gusubiza uruhushya</u>	<u>Article 15: Return of the license</u>	<u>Article 15 : Restitution de la licence</u>
<u>Ingingo ya 16: Kuvanga umutungo</u>	<u>Article 16: Merger</u>	<u>Article 16 : Fusion</u>
<u>UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE</u>	<u>CHAPTER III: MISCELLANEOUS PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE III : DISPOSITION DIVERSES</u>
<u>Ingingo ya 17: Kwifashisha ibindi bigo mu gukora imirimo</u>	<u>Article 17: Outsourcing of activities</u>	<u>Article 17 : Sous-traitance des activités</u>
<u>Ingingo ya 18: Amasezerano hagati n’abahuza</u>	<u>Article 18 : Agency agreements</u>	<u>Article 18 : Contrats d’agence</u>
<u>Ingingo ya 19: Ibisabwa ku byerekeranye na serivisi zihariye</u>	<u>Article 19: Requirements for specific services</u>	<u>Article 19 : Conditions nécessaires pour des services spécifiques</u>
<u>Ingingo 20: Kubuza amasezerano aheza abandi</u>	<u>Article 20: Prohibition of exclusivity agreement</u>	<u>Article 20: Interdiction de contrat d’exclusivité</u>
<u>Ingingo ya 21: raporo za buri kwezi</u>	<u>Article 21: Monthly Reports</u>	<u>Article 21 : Rapports mensuels</u>
<u>Ingingo ya 22: Abasanzwe batanga serivisi zo kwishyurana</u>	<u>Article 22: Existing providers</u>	<u>Article 22 : Prestataires de services existants</u>
<u>Ingingo ya 23: Ibihano</u>	<u>Article 23: Sanctions</u>	<u>Article 23 : Sanctions</u>
<u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 24: Gutangira</u>	<u>Article 24: Entry into force</u>	<u>Article 24 : Entrée en vigueur</u>

AMABWIRIZA N°002/2010 YA BANKI NKURU Y’U RWANDA AGENGA ABATANGA SERIVISI ZO KWISHYURANA

REGULATION N°002/2010 OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA GOVERNING PAYMENT SERVICES PROVIDERS

RÉGLEMENT N°002/2010 DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA REGISSANT LES PRESTATAIRES DE SERVICES DE PAIEMENT

Ishingiye ku Itegeko n° 55/2007 of 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, 56 n’iya 57;

Pursuant to Law n° 55/2007 of 30/11/2007 governing Central Bank of Rwanda, especially in its articles 6, 56 and 57;

En vertu de la Loi n° 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda, particulièrement dans ses articles 6 et 56 et 57;

Ishingiye ku Itegeko n°03/ryo kuwa 26/02/2010 ryerekeye uburyo bw’imyishyuranire, cyane cyane mu ngingo zaryo 3 na 7;

Pursuant to Law n°03/2010 of 26/02/2010 concerning Payment System, especially in articles 3 and 7;

Vu la Loi n° 03/2010 du 26/02/2010 relative au système de paiement, spécialement en ses articles 3 et 7 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 47/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, 6, 10, 17 n’iya 21.

Pursuant to Law n° 47/2008 of 09/09/2008 on prevention and penalising the crime of money laundering and financing terrorism, especially in its articles 3, 6, 10, 17 and 21.

Vu la Loi n° 47/2008 du 09/09/2008 relative à la Prévention et à la répression du blanchiment d’argent et du financement du terrorisme, spécialement en ses articles 3, 6, 10, 17 et 21.

Banki Nkuru y’u Rwanda muri iyi nyandiko ikaba yitwa “Banki Nkuru” itegetse:

The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as “the Central Bank” decrees:

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée " Banque Centrale", édicte :

UMUTWE WA I: INGINGO RUSANGE

CHAPTER I: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE I: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe

Article One: Purpose

Article premier : Objet

Aya mabwiriza ashiraho uburyo abatanga serivisi zo kwishyurana bemererwa gukora na Banki Nkuru n’uburyo ibikorwa byabo bigenzurwa.

This Regulation sets forth the rules governing the licensing by the Central Bank, of Payment Services Providers and the monitoring of their activities.

Le présent Règlement établit les règles relatives à l’agrément des Prestataires de Services de Paiement et au contrôle des activités par la Banque Centrale.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro

Article 2 : Definitions

Article 2 : Définitions

Amagambo akoresheya muri aya mabwiriza afite ibisobanuro bikurikira:

Terms and expressions used in this Regulation have the following meaning:

Les termes et expressions utilisés dans ce Règlement ont la signification suivante:

1. **“Amasezerano yo guhagararirwa”** bisobanura amasezerano, ashingiye ku bwizerane abayagize bafitanye, aho nyir’ibikorwa w’ibanze aha uburenganzira undi muntu ariwe “intumwa”, bwo kumukorera akazi mu izina no mu nyungu ze. Ibikorwa iyi ntumwa ikora yubahiriza aya masezerano, bibazwa uwamutumye.

2. **“Serivisi za banki hadakoreshejwe amashami yazo”** Ni uburyo bwo gutanga serivisi z’imari hatifashishijwe amashami ya banki. Ubu buryo bukoreshwa cyane cyane hifashishijwe ikoranabuhanga ry’ ibyuma kabuhariwe, nka za mudasobwa n’ibindi bikora nkazo, haba mu buryo bw’iyakure cyangwa se hagakoreshwa ahandi hantu hatari muri banki hagatangirwa serivisi z’ibanze zo kubitsa cyangwa kubikuza ziyongera ku mirimo ya banki isanzwe cyangwa yo kwishyurana; abazitanga bagakorana na banki y’ubucuruzi kandi n’abakiriya bagashobora kuzihabwa ku buryo buhoraho;

3. **“Ibigo bigenzurwa”** Ni banki, ikigo cy’imari kitari banki cyangwa ikigo cy’imari giciriritse nk’uko bisobanurwa n’amategeko agenga bene ibyo bigo kandi bigenzurwa ku buryo bukwiye na Banki Nkuru;

4. **“Utanga inyandiko z’ubwishyu”**: bivuga ikigo giha umuntu inyandiko z’ubwishyu ku bazikoresha hagamiye kwishyurana;

1. **“Agency agreement”** means a legal contract creating a fiduciary relationship whereby the "the principal" agrees that the “agent” acts for and on behalf of him or her. Actions of the agent binds the principal to later agreements made by the agent as if the principal had himself personally made the later agreements.

2. **“Branchless banking”** means a distribution channel strategy used for delivering financial services without relying on bank branches. It entails substantially the use of technology means, such as electronic, digital or similar device, either remotely or through the use of third-parties outlets to offer at least basic cash deposit and withdrawal in addition to transactional or payment services; backing of a commercial bank and customers can use these banking services on a regular basis;

3. **“Supervised Institutions”** means a bank, a non-bank financial institution or a micro-finance institution within the meaning of the Laws governing those institutions and duly supervised by the Central Bank;

4. **“Issuer of Payment Instruments”** means any entity which provides Payment Instruments to users for the purpose of making payments;

1. **« Contrat d’agence »** désigne un accord juridique qui crée une relation de confiance où « le représenté » et la « l’agent » s’entendent que l’agent agisse au nom et pour le compte du représenté. Les actes de l’agent, effectués pour ce cas engageant le représenté comme si c’est lui qui les a posés.

2. **“Service bancaire sans agences”** signifie stratégie du canal de distribution utilisée pour fournir des services financiers sans faire appel aux agences bancaires. Elle comprend principalement l’usage des moyens technologiques, notamment les dispositifs électroniques, numériques ou semblables, à distance ou à travers l’usage des terminaux des tiers pour offrir au moins des services de base de dépôt et de retrait d’argent, en plus des services de transaction et de paiement. L’appui d’une banque commerciale et des clients peut régulièrement utiliser ces services bancaires.

3. **“Etablissements supervisés”** signifie une banque, un établissement financier non bancaire ou un établissement de micro-finance selon la signification des Lois régissant ces établissements et dûment supervisés par la Banque Centrale.

4. **“Emetteur d’Instruments de Paiement”** signifie toute entité fournissant des Instruments de Paiement aux utilisateurs dans le but d’effectuer des paiements ou transférer de fonds.

5. “Kohereza amafaranga” Ni serivisi yo kwishyura amafaranga akakirwa aturutse kuri nyirayo nta konti igombye gufungurwa mu izina ry’uyatanze cyangwa uyahawe, hagamijwe gusa kugeza umubare nyawo w’amafaranga k’uyagenewe cyangwa ku kindi kigo gitanga serivisi zo kwishyurana gikora mu izina ry’ugenewe amafaranga;

6. “Serivisi zo kwishyurana”: Ibikorwa bikurikira byitwa serivisi zo kwishyurana:

a. Imirimo ituma amafaranga ashobora gushyirwa cyangwa/no gukurwa kuri konti yo kwishyuriraho mu kigo cy’imari kigenzurwa na Banki Nkuru ndetse n’ibindi bikorwa byose bisabwa mu gukoresha konti yo kwishyuriraho;

b. Gukora ibikorwa byose byo kwishyura, harimo kohereza amafaranga kuri konti yishyurirwaho mu kigo cy’imari kigenzurwa na Banki Nkuru y’ikigo gikora imirimo yo kwishyura gikorana na nyiri amafaranga cyangwa ikindi kigo cyose gikora imirimo yo kwishyura;

c. Gukora ibikorwa byose byo kwishyurana kuri konti yo kwishyura iri mu kigo cy’imari cyigenzurwa na Banki Nkuru aho amafaranga y’inguzanyo aba afite ubwishingizi ukoresha serivisi zo kwishyurana;

d. Gutanga cyangwa/no kwakira ibikoresho

5. “**Money Remittance**” means a payment service where funds are received from an originator without any accounts being created in the name of the originator or the beneficiary, for the sole purpose of transferring a corresponding amount to a beneficiary or to another Payment Services Provider acting on behalf of the beneficiary;

6. “Payment services”: The following activities are payment services:

a. Services enabling cash to be placed on and/or withdrawn from a payment account in the Institutions Supervised by the Central Bank as well as all the operations required for operating a payment account;

b. Execution of payment transactions, including transfers of funds on a payment account in the Institutions Supervised by the Central Bank with the user's payment service provider or with another payment service provider;

c. Execution of payment transactions on a payment account in the Institutions supervised by the Central Bank where the funds are covered by a credit line for a payment service user;

d. Issuing and/or acquiring of payment instruments;

5. “**Transmission de fonds**” signifie service de paiement pour lequel les fonds sont reçus de la part d’un initiateur (payeur) sans ouverture d’un compte quelconque au nom de l’initiateur (payeur) ou du bénéficiaire, dans le seul but de transférer un montant correspondant vers un bénéficiaire ou un autre Prestataire de Services de Paiement agissant pour le compte du bénéficiaire.

6. “**Services de Paiement**”: Les activités suivantes constituent des services de paiement:

a. Services permettant de verser des espèces à un compte de paiement et/ou de le retirer de ce même compte dans les établissements Supervisés par la Banque Centrale, y compris toutes les opérations qu’exige la gestion d’un compte de paiement.

b. L’exécution des opérations de paiement, y compris les transferts de fonds sur un compte de paiement auprès des établissements Supervisés par la Banque Centrale, avec le prestataire des services de paiement de l’utilisateur, ou auprès d’un autre prestataire de service de paiement;

c. l’exécution d’opérations de paiement sur un compte de paiement auprès des établissements supervisés par la Banque Centrale dans le cadre desquelles les fonds sont couverts par une ligne de crédit accordée à l’utilisateur de services de paiement;

d. L’Emission/ou l’acquisition d’instruments de

byifashishwa mu kwishyura;

e.Kohereza amafaranga;

f. Gukora ibikorwa byo kwishyura ku buryo uwishyura agaragaza ko yemera kwishyura akoresheje uburyo bw'itumanaho bwa za mudasobwa kandi hakishyurwa ushinzwe imikoreshereze y'iryo koranabuhanga cyangwa itumanaho ukora gusa nk'umuhuza w'ukeneye serivisi yo kwishyurana n'ugurisha ibintu na serivisi.

7. **“Konti yo kwishyuriraho”** ni konti iri mu izina ry'ukeneye serivisi zo kwishyurana umwe cyangwa benshi ikoreshwa mu mirimo yerekeranye no kwishyurana;

8 **“Utanga serevisi z’imyishyuranire”**: ni ikigo gitanga serivisi zifasha kubitsa no kubikuza amafaranga, gukora ibikorwa byo kwishyurana, gutanga no kwakira inyandiko zo kwishyurana, kwohererezanya amafaranga n'izindi serivisi zijyana no kwohererezanya amafaranga. Iri jambo ntabwo rikoresheka gusa mu gihe hatangwa serivisi zinyujijwe mu muyoboro w'itumanaho cyangwa iyakure;

9. **“Inyandiko zo kwishyurana”** bivuga sheki, amafaranga ari mu buryo bw'ikoranabuhanga, amakarita yo kubikuza muri banki yemera inguzanyo, amakarita yo kubikuza mu banki

e.Money remittance;

f. Execution of payment transactions where the consent of the payer to execute a payment transaction is given by means of any telecommunication, digital or IT device and the payment is made to the telecommunication, IT system or network operator, acting only as an intermediary between the payment service user and the supplier of the goods and services.

7. **“Payment account”** means an account held in the name of one or more payment service users which is used for the execution of payment transactions;

8. **“Payment Services Provider”** means any entity providing services enabling cash deposits and withdrawals, execution of Payment Transactions, issuing and/or acquisition of Payment Instruments, Money Remittances and any other services functional to the transfer of money. The term does not include solely who provides online services or by telecommunication services or network access;

9. **Payment Instruments”** means an instrument enabling the holder / user to transfer funds. Checks, electronic money, credit cards and debit cards or any other instrument through which persons can

paiement;

e.La transmission de fonds.

f. L'Exécution d'opérations de paiement, lorsque le consentement du payeur à une opération de paiement est donné au moyen d'un dispositif de télécommunication, numérique ou informatique et que le paiement est adressé à l'opérateur du système ou du réseau de télécommunication ou informatique, agissant uniquement en qualité d'intermédiaire entre l'utilisateur de service de paiement et le prestataire des biens et des services.

7. **“Compte de paiement”** signifie un compte tenu au nom d'un ou de plusieurs utilisateurs du service de paiement utilisé pour l'exécution des opérations de paiement.

8. **“Prestataire de Services de Paiement”** signifie toute entité facilitant les services de dépôt et de retrait des espèces, l'exécution des opérations de Paiement, l'émission et/ou d'acquisition d'Instruments de Paiement, la transmission de fonds, ainsi que tout autre service relatif au transfert de fonds. Le terme n'inclut pas uniquement celui qui fournit des services en ligne, ou par télécommunication isolés, ou d'accès au réseau ;

9. **« Instruments de paiement »** signifie un instrument permettant à son titulaire/utilisateur de transférer des fonds. Les chèques, la monnaie

atemera inguzanyo, cyangwa indi nyandiko yose abantu bakoresha mu kwishyurana, uretse inoti n'ibiceri;

10. **“Imirimo yo kwishyurana”** Ni ihererekanwa ry'amafaranga hagati y'amakonti, ashwirwaho cyangwa akurwaho. Igikorwa cyo kwishyurana gishobora kuba ari ugushyira amafaranga kuri konti cyangwa kuyakuraho. Gikorwa hifashishijwe inyandiko isaba ubwishyu, ishobora kuba yanditse ku rupapuro, muri mudasobwa cyangwa se ubundi buryo bw'itumanaho cyangwa se hakoreshejwe inyandiko yo kwishyurana.

11. **“Udukarita tubikwaho amafaranga”** Ni udukarita tubikwaho amafaranga turiho uturungo twa rukuruzi cyangwa turiho agace ka mudasobwa gafite ubushobozi bwo kubika mu nyandiko umubare runaka w'amafaranga ashobora kuvunjwamo amafranga nyayo cyangwa akohererezwa abantu cyangwa n'abacuruzi bisa nk'aho haba hakoreshejwe amafaranga kashi.

12. **“Konti ihuriweho”** Ni konti yihariye itandukanye na konti y'utanga serivisi zo kwishyurana abikaho amafaranga ye, ishyirwaho gusa amafaranga yishyuwe n' abakiriya.

make payments, with the exception of banknotes and coins are payment instruments;

10. **“Payment Transaction”** means a transfer of funds between, or into or from accounts. A payment transaction may be either a credit or a debit transfer. It is initiated by means of a payment order, which may be written, electronic, digital or any other communication device, or by the use of a Payment Instrument.

11. **“Stored value devices”** are devices with data encoded in either a magnetic strip or a computer chip that are preloaded with a fixed amount of electronic currency or value. This can be redeemed or transferred to individuals and/or merchants in a manner that is similar to spending physical currency;

12. **“Trust Account”** means a separate bank account segregated from a payment service provider's own funds, in which the payment service provider is required to deposit all funds collected for clients.

électronique, les cartes de crédit et les cartes de débit ou tout autre instrument par lesquels les personnes peuvent effectuer des paiements, à l'exception des billets de banque et des pièces de monnaie constituent les instruments de paiement ;
10. **“Opération de paiement”** veut dire transfert de fonds entre, ou sur, ou en provenance de tel ou tel compte. Un transfert de paiement peut être un transfert de crédit ou de débit. Il est initié au moyen d'un ordre de paiement pouvant être par écrit, électronique, numérique ou tout autre dispositif de communication, ou par l'usage d'un instrument de paiement.

11. **« Instrument à valeur stockée »** sont des dispositifs possédant les données codées et préchargées dans une bande magnétique ou une puce, avec un montant fixe de monnaie ou de valeur électronique. Celle-ci peut être rachetée ou transférée aux individus et/ou aux commerçants de la même façon qu'un paiement en espèce.

12. **“Compte en fiducie”** signifie compte bancaire distinct, isolé des fonds propres du prestataire de service de paiement, dans lequel le prestataire de service de paiement est tenu de déposer tous les fonds collectés auprès des clients.

UMUTWE WA II: UBURYO BWO KWEMERERWA GUKORA

Ingingo ya 3: Kwemererwa

(1) Nta muntu cyangwa ikigo gishobora gukora imirimo yo kwishyurana kidafite uruhushya rucyemerera kuyikora rutangwa na Banki Nkuru.

(2) Ibigo by'imari bigenzurwa bitanga serivisi zo kwishyurana bikurikije itegeko rigenga amabanki ntibikenereza kwaka uruhushya rutangwa na Banki Nkuru ruvugwa muri aya mabwiriza. Ariko kandi bigomba kuzuzwa ibyangombwa bikenerwa mu igenzura bisabwa na Banki Nkuru.

Ingingo ya 4: Gusaba kwemererwa gukora

(1) Kugirango kibyemererwe, ikigo cy'imari kitagenzurwa na Banki Nkuru kigomba koherereza Banki Nkuru ibarwa iherekejwe byibura n'izi nyandiko zikurira:

1. Ibisobanuro birebana n'imiterere ndetse n'urutonde rwa serivisi zigomba gutangwa ndetse n'uburyo izo serivisi ziberanye n'ingamba cyafashe;

2. Urutonde rw'ibikorwa cyangwa serivisi bizatangwa harimo n'amafaranga atangwa ku mirimo/ ibiciro bizasabwa umukiriya;

CHAPTER II: LICENSING PROCEDURE

Article 3 - Licensing

(1) No person or entity may act as a Payment Services Provider, unless is in possession of a license for this purpose, obtained from the Central Bank.

(2) Supervised Financial Institutions providing payment services under the Banking Law are exempted from the requirement to obtain a license from the Central Bank under this Regulation. However, they are subject to any relevant monitoring requirements imposed by the Central Bank.

Article 4 –Application for a license

(1) In order to obtain a license, an Institution not Supervised by the Central Bank will provide send to the Central Bank an application letter accompanied by at least the following documentation:

1. Description of the nature and scope of the services to be offered and how these services fit in with its overall business strategy;

2. List of products and services to be provided with a breakdown of commissions/ prices to be charged to the customer;

CHAPITRE II: PROCEDURE D'OBTENTION DE LICENCE

Article 3 : Octroi de licence

(1) Aucune personne ou entité ne peut agir en qualité de prestataire de services de paiement, à moins de posséder une licence pour cette fin, obtenue auprès de la Banque Centrale.

(2) Les établissements Financiers Supervisés offrant des services de paiement en vertu de la Loi Bancaire sont exemptés de l'obligation d'obtenir une licence de la Banque Centrale aux termes de ce règlement. Cependant, ils sont sujets à toutes les conditions de contrôle en rapport imposées par la Banque Centrale.

Article 4 : Demande d'agrément

(1) Pour obtenir une licence, un établissement non supervisé par la Banque Centrale doit faire soumettre à celle-ci une lettre de demande, accompagnée au moins des informations suivantes :

1. Description de la nature et de l'étendue des services à offrir et la façon dont ces services se situent dans la stratégie globale des affaires;

2. Liste des produits et services à offrir, avec une analyse des commissions/prix à demander aux clients;

3. Kugaragaza neza imiterere y'amategeko agenga utanga serivisi, harimo n'ibisobanuro by'amategeko agenga isano hagati ye n'ikigo cy'imari kigenzurwa kigaragaza neza uko imyenda ifatanyijwe n'ukuntu ibibazo byirindwa cyangwa bigabanywa;	3. Description of legal structure of the scheme to provide the service, including legal definition of relationship with any Supervised Financial Institution from which it clearly emerges how liabilities are shared and risks avoided or reduced;	3. Description de la structure légale du plan d'offre de services, y compris la définition légale des relations avec n'importe quel établissement financier supervisé, en montrant clairement comment les responsabilités sont partagées et les risques évités ou réduits ;
4. Ibigenderwaho mu guhitamo abakozi/cyangwa impuguke zigomba gukora ibikorwa bimwe na bimwe mu gihe bibaye ngombwa;	4. Criteria for the selection of agents and/or the outsourcing of parts of the activities, where applicable;	4. Critères de sélection des agents et/ou de sous-traitance d'une partie des activités, là où c'est applicable ;
5. Kopi y'amasezerano cyagiranye n'ikigo cyangwa impuguke, yaba ayo kikoreye cyangwa se yaba akozwe ku buryo bwateganyijwe;	5. Copy of any agency or outsourcing agreement, as appropriate, either individual or standard;	5. Copies du contrat de sous-traitance ou avec des agents selon le cas, individuellement ou en fonction des critères;
6. Inyandiko iriho umukono igaragaza neza uburyo bwose bw'ikoranabuhanga harimo uburyo bwo gukoresha za mudasobwa, na porogaramu ya mudasobwa isobanura byibura ibi bikurikira:	6. A signed document detailing the features and operational modalities of all IT interfaces including the operating systems and software explaining at a minimum the following:	6. Un document signé, détaillant les caractéristiques et les modalités opérationnelles de toutes les interfaces informatiques, y compris les systèmes et les logiciels d'exploitation fournissant un minimum d'explication sur les éléments suivants:
a. ibisobanuro (birimo ibishushanyo) byerekana uko uburyo bwo kwishyura hakoreshejwe mudasobwa bukoreshwa n'ubushobozi bwabwo bugaragaza:	a. description (including diagrams) of the configuration of the institution's electronic payment system and its capabilities showing:	a. description (y compris les diagrammes) de la configuration du système de paiement électronique de l'établissement et de ses capacités indiquant :
(i) uko uburyo bwo kwishyura hakoreshejwe mudasobwa bukorana n'ubundi buryo cyangwa ibikorwa remezo by'itumanaho mu kigo;	(i) how the electronic payment system is linked to other host systems or the network infrastructure in the institution;	(i) la liaison entre le système de paiement électronique et d'autres systèmes hôtes ou avec l'infrastructure de réseau au niveau de l'établissement;
(ii) uko imirimo n'amakuru binyura mu mirongo y'itumanaho, uburyo bwo kwishyurana n'igihe bimara,	(ii) how transaction and data flow through the network, settlement process and timing;	(ii) comment une transaction et les données circulent à travers le réseau, tout en montrant le procédé de règlement et le temps nécessaire

(iii) ubwoko bw'imiyoboro y'itumanaho ndetse n'ubushobozi bwo kuyikoresha mu buryo bw'iyakure (urugero. Gukoresha modemu, umugozi utanga iyakure cyangwa byombi),

(iv) ingamba zo gucunga umutekano zashyizweho;

b. Urutonde rwa za mudasobwa n'ibijyanye nayo igaragaza akamaro ka mudasobwa muburyo bwo kwishyura;

c. Uko ubwo buryo bukorana n'ubundi busanzwe bukoreshwa mu kwishyura;

7. Inyandiko iriho umukono igaragaza ingamba z'umutekano ndetse n'igitabo kigena imikorere kirimo nibura:

(i) ibisobanuro ku miterere ya gahunda yo kurinda umutekano w'ikigo;

(ii) kugaragaza inshingano kubirebana no gushyiraho, gushyira mubikorwa, kugenzura no kuvugurura ingamba zo kurinda umutekano;

(iii) uburyo buriho bwo gusuzuma ko ingamba zikurikizwa, gushyira mu bikorwa ingamba z'imitwarire myiza, no kugaragaza aho umutekano wishwe.

8. Inyandiko iriho umukono igaragaza gahunda y'ibikorwa mu gihe hari ibibazo bitunguranye cyangwa ibyago byabangamira ibikoreshe byo kwishyura ndetse na gahunda yo gusubiza cyangwa kwivana mu bibazo, nk'ibirego,

(iii) what types of telecommunication channels and remote access capabilities (e.g. direct modem dial-in, internet access, or both) exist; and

(iv) what security controls/measures are installed;

b. A list of software and hardware components indicating the purpose of the software and hardware in the electronic payment infrastructure;

c. How the system is interoperable with other existing electronic payment systems;

7. A signed document of the relevant portion(s) of the security policies and procedures manual containing at a minimum:

(i) a description of the institution's security organization;

(ii) definition of responsibilities for designing, implementing, monitoring and updating information security measures; and

(iii) established procedures for evaluating policy compliance, enforcing disciplinary measures and reporting security violations;

8. A signed document describing the contingency and disaster recovery plans for electronic payment facilities and event scenario/problem management plan/program to resolve or address problems, such as complaints, errors and intrusions and the

pour la synchronisation;

(iii) les types de réseaux de télécommunication et de possibilités d'accès à distance (par exemple, connexion directe au modem, accès à l'Internet ou les deux) existent; et

(iv) les mesures de sécurité et de contrôle mises en place;

b. Une liste des composantes du logiciel et du matériel, indiquant l'objet du logiciel et de l'infrastructure de paiement électronique;

c. le système est interopérable avec d'autres systèmes de paiement électronique existants;

7. Un document signé, contenant un manuel de politiques et de procédures de sécurité, fournissant un minimum d'information suivante:

(i) une description de l'organisation de la sécurité de l'établissement;

(ii) une définition des responsabilités pour la conception, l'exécution, le suivi et la mise à jour des mesures de sécurité de l'information; et

(iii) les procédures établies pour évaluer la conformité avec la politique, le renforcement des mesures disciplinaires et fournir un rapport de déviation de sécurité;

8. Un document signé, décrivant les plans de contingence et de reprise après le sinistre en rapport avec les facilités de paiement électronique et un plan/programme de gestion des scénarios/problèmes événementiels

amakosa, kuvangirwa no kuba ibikoresho byo kubika amakuru bihari;

availability of back-up facilities;

nécessaire pour résoudre des problèmes, tels que les plaintes, les erreurs et les intrusions ainsi que la disponibilité du backup.

9. Kwerekana ubushobozi bw'ikigo mu gukurikiza amategeko, ibisabwa n'ingamba zafashwe mu kurwanya ibikorwa by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;

9. Proof of ability to comply with all applicable Anti-Money Laundering and Combating of Financing of Terrorism (AML/CFT) laws, standards and measures;

9. Preuve de capacité à se conformer à l'ensemble des lois, normes et mesures de Lutte contre le Blanchiment d'Argent et le Financement du Terrorisme (AML/CFT);

10. Ibisobanuro ku ngamba zihari zo kurinda umukiriya, harimo uburyo bwo gukemura ibibazo by'umukiriya na gahunda y'ubukangurambaga igenewe abagenerwabikorwa;

10. Details of the customer protection measures, including consumer recourse mechanisms and consumer awareness program;

10. Détails des mesures de protection du client, y compris les mécanismes de recours et le programme de sensibilisation du consommateur ;

11. ibisobanuro ku ngamba zo kurinda amakuru;

11. Details of data protection policy;

11. Détails de la politique de protection des données;

12. ibisobanuro n'ingamba ku gucunga amafaranga ari mu isanduku;

12. Float management guidelines and measures;

12. Mise en place des directives et mesures de gestion;

13. icyemezo cyerekana ko RURA (ikigo cy'igihugu gishinzwe imirimo ifitiye igihugu akamaro) yagenzuye ibikorwa remezo tekini by'utanga serivisi zo kwishyura yifashishije imiyoboro ye bwite.

13. Evidence that RURA (Rwanda Utilities Regulatory Agency) certified the technology infrastructure for Payment Service Provider operating their own network.

13. Preuve de certification des équipements technologique par le régulateur RURA (Rwanda Utilities Regulatory Agency) pour le Prestataire de Services de Paiement opérant son propre réseau;

(2) Ikigo kizatanga izindi nyandiko zishobora gusabwa na Banki Nkuru mu gihe irimo gusuzuma inyandiko isaba kwemererwa.

(2) The institution shall produce such other documents that the Central Bank may call for during the consideration of the application.

(2) L'établissement financier doit produire d'autres documents que la Banque Centrale pourra exiger lors de l'examen de la demande.

Ingingo ya 5: Izindi nyandiko

Article 5: Further documentation

Article 5 : Documents supplémentaires

(1) Ikigo kitagenzurwa na banki nkuru cyifuza gutanga serivisi zo kwishyurana kigomba kandi gutanga izindi nyandiko zikurikira kugirango cyemererwe gukora:

(1) An Institution not Supervised by the Central Bank wishing to provide payment services shall further submit to the Central Bank for the obtainment of a license:

(1) Un établissement non supervisé par la Banque Centrale souhaitant fournir des services de paiement doit soumettre des informations additionnelles à la Banque

1. Uruhushya rwo gukora rwatanzwe n'igihugu gikomokamo;
2. icyemezo cy'uko ikigo cyemerewe gukora imirimo y'ubucuruzi mu Rwanda;
3. icyemezo cyerekana ko ikigo gifite konti ihuriweho muri banki y'ubucuruzi yemerewe gukora mu Rwanda itanyuzwaho amafaranga arebana na serivisi gitanga yo kwishyurana;
4. Ikimenyetsotso kigaragaza ko usaba kwemererwa gukora afite igishoro nk'uko bisabwa muri aya mabwiriza;
5. Umwirondoro n'impamyabumenyi by'abayobozi bacyo

Ingingo ya 6: Ibisabwa ibigo bigenzurwa na Banki Nkuru

Ikigo icyo ari cyo cyose kigenzurwa na Banki Nkuru cyifuza gutanga serivisi zo kwishyurana kizaha Banki Nkuru ibisobanuro birambuye kuri serivisi zo kwishyurana gishaka gutanga bikubiye mu nyandiko zose zavuzwe mu ngingo ya 4 hasigaye byibura ukwezi kumwe ngo gitangire gukora kugirango gihabwe uruhushya.

Ingingo ya 7: Igishoro gisabwa

(1) Igishoro gisabwa ibigo bigenzurwa na Banki Nkuru kigenwa n'amategeko abigenga.

1. A License to operate in the home/base country, where applicable;
2. Certificate of business registration in Rwanda;
3. Proof of existence of a trust account with a licensed commercial bank in Rwanda, set up such that the trust account is not accessible to the institution for its non-payment services operations;
4. Evidence that the applicant holds initial capital as mentioned under this regulation.
5. The identity and qualifications of its directors

Article 6: Requirement for Institutions Supervised by the Central Bank

Any Institution Supervised by the Central Bank wishing to provide payment services shall provide to the Central Bank for approval, a detailed description of the payment services it intends to operate, at least one month before its effective operations, containing all documents listed in Article 4.

Article 7: Capital requirements

(1) Capital requirements for Institutions Supervised by the Central Bank shall be those established by relevant legislation.

Centrale pour l'acquisition d'une licence:

1. Une licence nécessaire pour opérer dans le pays d'origine le cas échéant;
2. Certificat d'inscription au registre d'entreprises au Rwanda;
3. Preuve d'existence d'un compte en fiducie ouvert dans une banque commerciale agréée au Rwanda, de façon à ce que le compte en fiducie ne soit pas accessible à l'établissement financier pour ses opérations de services autres que ceux de paiement;
4. Preuve que le demandeur dispose d'un capital initial tel que mentionné dans ce Règlement;
5. L'identité et les qualifications de ses dirigeants.

Article 6: Condition requise pour les établissements financiers supervisés par la Banque Centrale

Tout établissement financier supervisé par la Banque Centrale souhaitant offrir des services de paiement doit soumettre à ladite Banque pour approbation, une description détaillée des services de paiement à fournir, au moins un mois avant les opérations effectives, avec tous les documents énumérés à l'Article 4.

Article 7: Capital minimum exigé

(1) Le capital exigé pour des établissements financiers supervisés par la Banque Centrale est

(2)Undi wese wifuza gutanga serivisi yo kwishyura ivugwa mu gika “e” mu ngingo ya 2.5 y’aya mabwiriza, agomba kuba afite igishoro byibura kitari minsi y’amafaranga miliyoni mirongo itanu (50,000,000 RWFs);

(3)Undi wese wifuza gutanga serivisi yo kwishyura ivugwa mu gika “f” mu ngingo ya 2.5 y’aya mabwiriza, agomba kuba afite igishoro byibura kitari minsi y’amafaranga miliyoni ijana (100,000,000 RWFs);

(4)Undi wese wifuza gutanga serivisi iyo ariyo yose yo kwishyura ivugwa mu gika cyiva kuri “a” kugera kuri “d” mu ngingo ya 2.5 y’aya mabwiriza, agomba kuba afite igishoro byibura kitari munsu y’amafaranga miliyoni ijana (100,000,000 RWFs);

Ingingo ya 8: Ibarwa yemeza ko inyandiko isaba yakiriwe

(1) Iyo Banki Nkuru imaze kwakira inyandiko isaba uruhushya ndetse n’amafaranga asabwa na Banki Nkuru mu ngingo ya 10 y’aya mabwiriza n’impapuro ziyiherekeje zivugwa mu ngingo ya 4 n’iya 5, yohereza usaba, mugihe kitarenze iminsi 7, ibarwa yemeza ko inyandiko ye yakiriwe cyangwa ko itakiriwe.

(2) Ibarwa yemeza ko inyandiko isaba yakiriwe

(2)Any other applicant proposing to provide only the payment service listed in point “e” under article 2.5 of this regulation, shall have a minimum paid up cash capital of not less than 50,000,000 RWFs;

(3)Any other applicant proposing to provide the payment service listed in point “f” under article 2.5 of this regulation, shall have a minimum paid up cash capital of not less than 100,000,000 RWFs ; and

(4)Any other applicant proposing to provide any of the payment services listed in points “a” to “d” under article 2.5 of this regulation, shall have a minimum paid up cash capital of not less than 100,000,000 RWFs

Article 8: Letter of acknowledgement

(1) Upon receipt of an application letter together with the requisite license fee prescribed by the Central Bank under article 10 of this regulation and supporting documents in accordance with articles 4 and 5, the Central Bank shall, within seven working days, send the applicant a formal letter of acknowledgement or a letter of deficiency as the case may be.

(2) A letter of acknowledgement shall constitute

celui établi par la législation y relative.

(2)Tout autre demandeur proposant de fournir uniquement le service de paiement énuméré au point « e » de l'Article 2.5 de ce Règlement, doit disposer au moins d’un capital minimum libéré en espèces de 50 000 000 Frw;

(3)Tout autre demandeur proposant de fournir le service de paiement énuméré au point « f » de l'Article 2.5 de ce Règlement doit disposer au moins d’un capital minimum libéré en espèces de 100 000 000 Frw; et

(4)Tout autre demandeur proposant de fournir le service de paiement énuméré aux points « a », « b », « c », et « d » de l'Article 2.5 de ce Règlement doit disposer d’un capital minimum libéré en espèces de 100 000 000 Frw.

Article 8 : Lettre d’accusé de réception

(1) Dès réception d’une lettre de demande et des frais de licence requis par la Banque Centrale à l'Article 10 de ce Règlement, ainsi que des pièces justificatives, en vertu des Articles 4 et 5 de ce même Règlement, la Banque Centrale, dans un délai de sept jours ouvrables, doit envoyer au demandeur une lettre officielle d’accusé de réception, ou une lettre de défaillance, selon le cas.

(2) Une lettre d’accusé de réception constitue un avis officiel signifiant que les documents soumis

ihamya ko inyandiko yatanzwe yuzuye, bityo ko rero isuzuma rishobora gukorwa.

(3) Ibarwa yo kwanga inyandiko yoherejwe igaragaza ibyabuze mu nyandiko isaba byose kandi igatanga ighe ntarengwa cyo kuba hakosowe ibibura. Banki Nkuru ntacyo ishobora gukora uretse gusa ibyo bibura bibanje gukosorwa mu gihe cyagenwe hanyuma ibarwa yemeza ko kwakira inyandiko ikabona kwoherezwa.

Ingingo ya 9: icyemezo cya Banki Nkuru ku birebana no kwemererwa gukora

(1) Mu gihe cy'amezi 3 Banki Nkuru yakiriye inyandiko yuzuye isaba uruhushya, ikora igenzura ikanategura igisubizo cyoherezwa uwanditse asaba.

(2) Raporo igaragaza niba inyandiko yari yujuje ibisabwa nk'uko biteganywa n'itegeko cyangwa/ n'amabwiriza, cyangwa se niba Banki Nkuru isanga ko gutanga uruhushya bisaba ko hari ibindi bisabwa bigomba kubanza kuzuzwa isanze ari ngombwa.

(3) Iperereza rishobora gusaba ko habaho guhura n'usaba kwemererwa agatanga ibisobanuro bihagije, haba mu magambo cyangwa se mu nyandiko. Iyo bitanzwe mu magambo, Banki Nkuru itegura inyandiko mvugo igashyirwaho umukono n'usaba kwemererwa.

(4) Banki Nkuru imenyeshya usaba, mu nyandiko, icyemezo cyayo gishobora kuba ari ukumwemerera cyangwa kumwangira gukora.

official notice that the documents submitted were found to be complete and that the processing or evaluation may commence.

(3) A letter of deficiency shall outline deficiencies in the application; provide a deadline for rectification of the deficiencies. No further action shall be taken by the Central Bank unless the deficiencies are rectified within the period prescribed and a letter of acknowledgment is submitted to the applicant.

Article 9: Central Bank's decision on granting a license

(1) The Central Bank shall, within three months after receipt of a complete application, investigate; prepare a response to the applicant.

(2) The report shall indicate whether the application satisfies all requirements as established by law and/or regulation, as well as whether the granting of the license could be subject to the fulfillment of certain conditions that the Central Bank may deem necessary.

